Bibiliya y'abana
irerekana

Umwana w'umutoni aba imbata

yanditswe na: Edward Hughes
yashushanyijwe na: Byron Unger; Lazarus
yahujwe na: M. Kerr; Sarah S; Alastair P.
yahinduwe na: Yohani Batisita B.
yasohowe na: Bible for Children

www.M1914.org

BFC
PO Box 3
Winnipeg, MB R3C 2G1
Canada

©2020 Bible for Children, Inc.
Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru igihe cyose utagamije kugurisha.

Isaka yari anezerewe. Kuko umuhungu we Yakobo yari atahutse. Na Esawu bavukana yamwakiriye neza kandi yari yaragambiriye ku mwica. Ariko, abana ba Yakobo ntabwo bishimye, kuko Yosefu niwe muto muri bo, ariko niwe mutoni imbere ya se.

Yosefu arota inzozi, azirotorera bene se barushaho kumwanga, arababwira ati: "Umutwaro wanjye w'inkwi wahagaze wemye, iyanyu ikikiza uwanjye iwikubita imbere." Izi nzozi zisobanura ko Yosefu azaba umutware wa bene se.





Izindi nzozi ze za kabiri, izuba, ukwezi n'inyenyeri bimwikubita imbere. Na Se Yakobo aramucyaha kubwo kumva ko ababyeyi be nabo ndetse na bene se bose bazamwikubita imbere.

Umunsi umwe Yakobo yohereza Yosefu kureba aho bene se baragiye umukumbi. Bene se bamubona aza. Bamugira inama. "Reka twice karosi". Yosefu ntabwo yamenye umugambi mubi bamuteguriye.



Rubeni mukuru wabo arabyumva arabirwanya. Aravuga ati: "Twe kuvusha amaraso." "Murebe uru rwobo. Tumujugunyemo apfiremo." Rubeni yagiraga ngo akize Yosefu muri iryo ijoro.



Yosefu abagezeho, bene se baramufata, bamwambura ikanzu Yakobo yamuboheye kubwo kumutonesha. Nyuma bamujugunya muri rwa rwobo.



Rubeni ubwo yari atahari, abashimayeli bafite ingamiya banyura hafi berekeza muri Egiputa. Yuda abwira bene se ati: "nimuze tumugurishe." Babyumvikanaho. Bamugura ibice by'ifeza makumyabili.



Arira kandi atinya, Yosefu yakurikiraga ibimubaho ntacyo yabihinduraho, mugihe ingamiya yamukururaga yerekeza kure y'umuryango we n'igihugu kavukire.





"Iyi ni ya kanzu ya Yosefu? Yandujwe n'amaraso. Twayitoye mu butayu." Bene se b'abanyarugomo bumvisha Yakobo ko inyamaswa y'inkazi ariyo yishe umwana we w'umutoni. Yakobo ashishimura imyenda ye kandi ararira. Nta muntu washoboraga kumuhoza.

Muri Egiputa Yosefu yagaragaje ubwoba kandi ari wenyine. Yaba yarinubiraga aho yari ari. Yabaye umugurano mu rugo rwa Potifari umutware muri Egiputa. Potifari yabonaga Yosefu akora akazi ke neza igihe cyose kandi ko yari uwo kwizerwa.

Umunsi umwe Potifari abwira Yosefu ati: Akazi kawe kose ugakora neza. "Imana iri kumwe nawe. Ndashaka ko uba igisonga cy'urugo rwanjye, gucunga imitungo yanjye yose, ndetse n'umutware w'abandi bagaragu banjye."



Imana yahaye Potifari umusaruro mwiza kandi yagize ubukungu kubera Yosefu. Ubu n'umugabo w'intwari, Yosefu akomeje kwizera Imana ye no kuyikorera. Ariko yahuye n'ingorane.

Umugore wa Potifari yari umugome. Yasabye Yosefu ko baryamana. Yosefu arabyanga. Yanze gucumura ku Mana aca inyuma Potifari.



Ubwo umugore yashatse kumufata kungufu, Yosefu yarahunze. Uwo mugore afata kandi asigarana umwenda we.



"Wa mugurano wawe yampohoteye," umugore wa Potifari ahimba ikinyoma. "Reba umwenda we" Potifari agira uburakari. Yiyumvishaga ko umugore we ashobora no kuba abeshya. Aliko nawe agomba kugira icyo akora. N'iki ashobora gukora?



Potifari ashyira Yosefu munzu y'imbohe. N'ubwo yari umwere, ntiyigeze arakara cyangwa ngo ababare. Ashobora kuba yarigiye mu ngorane ze ko agomba kuramya Imana aho ari hose haba no mu nzu y'imbohe.

Umwana w'umutoni aba imbata

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Itangiriro 37 itangiriro 39

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo."
Zaburi 119:130

Iherezo

Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu
nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.

Niba ushaka kuva mu byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanjye Mana, Nizera ko Yesu ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima bwanjye, mbabarira ibyaha byanjye, kugira ngo none aha mbashe kubona ubuzima bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe. Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana buri munsi! Yohani 3:16